3 PALESE RITA	membre	Passeport n° AA117237 Exp. : 09/06/2018	(sé)
4 PAGLIALUNGA PAOLA	membre	Passeport N° F160942 Exp. : 12/09/2016	(sé)
5 MUKAMBARAGA SAVERA	membre	1196070063243011	(sé)
6 MUKARWEMA MARIE	membre	1196270005494040	(sé)
7 MUKASHYAKA MARIE GORETTI	membre	1196370070786075	(sé)
8 NAKURE MARTHE	membre	1196670022725070	(sé)
9 UWANYIRIGIRA FORTUNEE	membre	1196770006245160	(sé)
10 MUKANYINDO ESPERANCE	membre	1196870027991056	(sé)
11 MUSABYIMANA IMMACULEE	membre	1197470100490020	(sé)

Inades-Formation Rwanda

AMATEGEKO SHINGIRO Y'UMURYANGO

CONSTITUTION OF THE ORGANISATION

STATUTS DE L'ORGANISATION

Official Gazette n° 35 of 01/09/2014

Inteko Rusange Idasanzwe y'Umuryango Inades Formation Rwanda, yateranye ku wa 05/01/2013; Ishingiye ku Itegeko Nshinga ryo ku wa 03/06/2003 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 35 n'iya 36;

Ishingiye ku Itegeko n° 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 1, iya 2, iya3, iya 5, iya 6, iya7, iya 8, iya 9, iya 13, iya 14, iya 27, iya 28, iya 34 n'iya 39;

Ishingiye ku Iteka rya Ministri n°119/06 ryo ku wa 22/08/1977 riha Inades-Formation Rwanda ubuzima gatozi umuryango, ryavugururwe n'Iteka rya Ministri n° 75/11 ryo kuwa 18/4/2006;

Yemeje ivugururwa ry'Amategeko Shingiro y'Umuryango Inades Formation Rwanda, ahinduwe ku buryo bukurikira :

Umutwe wa I : Ingingo rusange –

Ingingo ya 1 : Izina

Umuryango uhawe izina rya « Institut Africain pour le Développement Economique et Social – Formation – Rwanda, ari byo kuvuga Umuryango Nyafurika Uharanira Iterambere ry'Ubukungu n'Imibereho Myiza y'Abaturage, **Inades Formation-Rwanda** mu magambo ahinnye. Witwa Umuryango muri aya mategeko.

The General Assembly of Inades Formation Rwanda, held on 05/01/2013 in its Extraordinary Session;

Considering the Constitution of the Republic of Rwanda of 03/06/2003 as amended to date

Considering the law N° 04/2012 of 17/02/2012 governing the organization and operation of non-governmental organizations, especially in its articles 1, 2, 3, 5, 6, 7, 8, 9, 13, 14, 27, 28, 34 and 39;

Considering the Ministerial Order n° 119 of 22/08/1977 granting the legal personality to the Inades-Formation Rwanda, revised by the Ministerial Order n° 75/11 of 18/04/2006;

Adopts the amendment of the constitution of the Organization Inades Formation Rwanda modified as follows:

Title I: General Provisions -

Article 1: Name

The name of the organization is "« Institut Africain pour le Développement Economique et Social – Formation – Rwanda, Inades Formation Rwanda in acronyms; **Organization** in this Constitution

L'Assemblée Générale d'Inades Formation Rwanda réunie en sa session Extraordinaire du 05/01/2013

Vu la Constitution de la République Rwandaise, telle que révisée jusqu'aujourd'hui;

Vu la Loi n° 04/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations non gouvernementales nationales, spécialement en ses articles 1, 2, 3, 5, 6, 7, 8, 9, 13, 14, 27, 28, 34 et 39 ;

Vu l'Arrêté Ministériel n° 119 du 22/08/1977 accordant la personnalité juridique à Inades-Formation Rwanda, modifié par l'Arrêté Ministériel n° 75/11 du 18 avril 2006 ;

Adopte l'amendement des Statuts de l'Inades Formation Rwanda, modifiés comme suit :

Titre I : Dispositions générales

Article 1 : Dénomination

L'organisation a pour nom « Institut Africain pour le Développement Economique et Social – Formation – Rwanda, en abrégé « Inades-Formation Rwanda »; appelé **Organisation** dans les présents statuts.

Ingingo ya 2 : Icyicaró

Umuryango ufite icyicaró mu Mujyi wa Kigali, Agasanduku k'Iposita 866 KIGALI. Icyicaró cy'Umuryango gishobora kwimurirwa ahandi mu gihugu byemejwe n'Inama Rusange.

Article 2: Headquarters

The Headquarters the organization is based in Kigali City, P.O. Box 866 Kigali. The headquarters can be transferred to another place of the country upon the decision of the General Assembly.

Article 2 : Siège

Le Siège de L'organisation est établi en Ville de Kigali, B.P. 866 KIGALI. Ce siège peut être transféré à un autre endroit du pays sur décision de l'Assemblée Générale.

Ingingo ya 3 : Intego z'umuryango

Intego ya Inades-Formation Rwanda ni ugufasha abatuye icyaro mu bikorwa byabo byo kwiteza imbere, ibinyujije mu mahugurwa no mu bikorwa byo gufasha abaturage kwifasha. Iyo nshingano iyihuriyeho n'andi mashami ya Inades-Formation mpuzamahanga akorera mu bihugu binyuranye by'Afurika.

Article 3: Mission of the organization

The organization's mission is to promote the economic and social development of Rwanda, in particular through training activities and support to the self-promotion, with priority given to rural populations. It operates in collaboration with the National Offices and National Associations of Inades-Formation International established in different countries in Africa.

Article 3 : Mission de L'organisation

L'organisation a pour mission de contribuer à la promotion économique et sociale du Rwanda, en particulier par des activités de formation et d'accompagnement pour l'autopromotion, la priorité étant donnée aux populations rurales. Elle travaille en collaboration avec les Bureaux et Associations d'Inades-Formation International établis dans différents pays d'Afrique.

Ingingo ya 4 : Ahakorerwa ibikorwa by'umuryango

Umuryango ukorera ibikorwa byawo mu Rwanda hose.

Article 4: Scope of activities of the organization

The organization operates throughout the whole territory of Rwanda.

Article 4 : Champ d'activités de L'organisation

L'organisation exerce ses activités sur toute l'étendue du territoire rwandais.

Ingingo ya 5 : Igihe umuryango uzamara

Igihe umuryango uzamara ntabwo kigenwe.

Article 5: Duration

The organization is established for an unlimited period.

Article 5 : Durée

L'organisation est créée pour une durée illimitée.

Umutwe wa II : Abanyamuryango

Title II: Membership

Titre II : Qualité de membre

Ingingo ya 6 : abagize Umuryango

Abanyamuryango ni abantu cyangwa amashyirahamwe yashinze uyu Muryango, abemerewe kuwinjiramo n'abanyamuryango

Article 6: Members

The membership of the Organization is comprised of the founding members, ordinary members and the members of honour. The

Article 6 : les membres

Les membres de l'Organisation sont constitués par les membres fondateurs, les membres adhérents et les membres d'honneur. Les fondateurs et

b'icyubahiro. founding and the ordinary members are effective adhérents sont les membres effectifs.
Abawushinze n'abawinjiyemo nibo members
banyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 7 : Kwemererwa kuba umunyamuryango **Article 7: Acquisition of membership** **Article 7 : Acquisition de la qualité de membre**

Kwemererwa kuba umunyamuryango bisaba ibi bikurikira : Membership is acquired according to the following procedures: La qualité de membre s'acquiert selon les procédures suivantes :

- Uwifuza kuba umunyamuryango wa Inades Formation-Rwanda yandikira Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ibaruwa ibisaba, akagaragaza ko yemera amategeko y'Umuryango n'indangagaciro zawo, kandi agatanga amazina y'abanyamuryango babiri biyemeje kumwishingira, bamazemo nibura imyaka ibiri.
- Abishingira usaba kuba umunyamuryango bagomba kubigaragaza mu nyandiko igenewe Prezida w'Inama y'Ubutegetsi, cyangwa bagasinya ku ibaruwa y'usaba berekana ko bamushyigikiye.
- Perezida w'Inama y'Ubutegetsi atangariza Inteko Rusange ikurikira urutonde rw'abasabye kuba abanyamuryango. Abakurikiranya akurikije igihe ubusabe bwakiriwe.
- kuba umunyamuryango byemerwa ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bari mu nama.
- A written request by the applicant to the Chairperson of the Board of Directors. This request must include the acceptance of the Constitution and the values the Organization, as well as the names of two sponsors who have spent at least two years as members of the organization.
- The letters of recommendation must be sent to the Chairperson of the Board of Directors by the sponsors, or sign a sub-covered on the applicant's letter.
- The Chairperson of the Board of Directors presents, in order of reception, the applications to the next General Assembly Meeting for approval.
- The General Assembly approves admission of membership by the majority of two thirds of the present effective members.
- Une demande d'adhésion écrite au Président du Conseil d'Administration. Cette demande doit mentionner l'acceptation des Statuts et des valeurs de l'Organisation, ainsi que les noms de deux parrains qui auront passé au moins deux ans d'ancienneté dans L'organisation.
- Les lettres de recommandation doivent être adressées au Président du Conseil d'Administration par les parrains ; ou ceux-ci signent un sous couvert sur la lettre du demandeur d'adhésion.
- Le Président présente par ordre de réception, les demandes d'adhésion à l'Assemblée Générale Ordinaire suivante pour approbation.
- L'Assemblée Générale accorde l'adhésion d'un nouveau membre à la majorité des 2/3 des membres effectifs présents.

Ingingo ya 8 : Kwamburwa uburenganzira bwo kuba umunyamuryango

Umuntu atakaza uburenganzira bwo kuba umunyamuryango igihe yeguye ku bushake bwe, igihe yitabye Imana cyangwa iyo yirukanywe.

Kwirukanwa mu muryango byemezwa na 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bagize Inteko rusange.

Umutwe wa III : Inzego z'umuryango n'inshingano zazo

Ingingo ya 9 : Inzego

Inzego z'umuryango ni izi zikurikira :
- Inteko Rusange
- Inama y'Ubutegetsi
- Komite Ngenzuzi
- Komite ishinze gukemura amakimbirane
- Ikigo cy'Igihugu Nshingwabikorwa .

Icyiciro cya mbere : Inteko Rusange

Ingingo ya 10 : Imiterere

Inteko-Rusange ni rwo rwego rukuru rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri.

Article 8 : Termination of Membership

Membership is lost by resignation, death or exclusion.

Loss of membership by exclusion shall be decided by a majority of two thirds (2/3) of the effective members present at the General Assembly.

Title III: Organs and their attributions

Article 9: The Organs

The organs of the organization are :
- The General Assembly
- The Board of Directors
- The Internal Control Committee
- The Committee in charge of conflict resolution
- The National Office.

Chapter 1. General members

Article 10: Nature

The General Assembly is the supreme organ of the organization. It is composed of all effective members

Article 8 : Perte de la qualité de membre

La qualité de membre se perd par démission, par décès ou par exclusion.

La perte de la qualité de membre par l'exclusion ne peut être décidée qu'à la majorité des 2/3 des membres effectifs présents à l'Assemblée Générale.

Titre III: les Organes et leurs attributions

Article 9 : les organes

Les organes de L'organisation sont :
- L'Assemblée Générale
- Le Conseil d'Administration
- Le Conseil de Surveillance
- L'organe de résolution des conflits
- Le Bureau National.

Chapitre 1. Assemblée Générale

Article 10 : Nature

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de L'organisation. Elle est composée de tous les membres effectifs de l'Organisation.

Ingingo ya 11: Imikorere

Inteko-Rusange iterana mu buryo busanzwe inshuro imwe mu mwaka, mu gihembwe cya mbere, hari nibura 2/3 by'abanyamuryango nyakuri.

Ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa ku bwumvikane bw'abari mu nama. Ariko iyo bisabwe na 2/3 by'abari mu nama, ibyemezo bifatwa hakoreshejwe amatora mu ibanga.

Inteko Rusange ishobora guterana mu nama idasanzwe ku butumire bw'uhagarariye umuryango imbere y'amategeko, yaba atabonetse bigakorwa n'umwungirije, cyangwa se bisabwe na kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize Inama y'Ubutegetsu, cyangwa se nanone bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango nyakuri bese.

Abahagarariye umuryango imbere y'amategeko babaye batabonetse, umwe mu bagize inama y'ubutegetsu cyangwa undi munyamuryango usanzwe ashobora gutumiza Inteko Rusange idasanzwe akanayiyobora abihereye uburenganzira mu buryo bwanditse nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 12 : Ububasha

Inama Rusange ifite ububasha bukurikira :

- Gushyiraho politiki igenga ibikorwa

Article 11: Functioning

The General Assembly meets in ordinary session once a year during the first quarter of the year with the attendance of 2/3 of the members of the effective members.

The decisions of the General Assembly are taken by consensus. However, if two third (2/3) of the members request it, the decisions are taken by a secret ballot.

The General Assembly may be convened in extraordinary session upon the initiative of the Legal Representative or if absent, by the Deputy Legal Representative, or at the request of half (1/2) of the effective members of the Board of Directors, or at the request of one third (1/3) of all effective members of the organization.

If the Legal and the Deputy Legal Representatives are unable to convene the meeting of the General Assembly, a member of the Board of Directors or of the General Assembly may, with a written permission of at least one third (1/3) of the effective members of the organization, convene and chair an extraordinary General Assembly.

Article 12: Powers

The Powers of the General Assembly are:

- Defining the general policy of the Organization

Article 11: Fonctionnement

L'Assemblée Générale de l'Organisation se réunit en session ordinaire une fois par an au cours du 1^{er} trimestre de l'exercice en présence d'au moins des 2/3 des membres effectifs.

Les décisions de l'Assemblée Générale sont prises par consensus. Cependant, si les deux (2/3) des membres en font la demande, le vote a lieu au scrutin secret.

L'Assemblée Générale peut être convoquée en session extraordinaire soit à l'initiative du Représentant Légal ou en cas d'absence, par le Représentant Légal Suppléant, soit à la demande de la moitié des membres du Conseil d'Administration, soit à la demande d'un tiers (1/3) de tous les membres de L'organisation.

Si le Représentant Légal et le Représentant Légal Suppléant se trouvent dans l'impossibilité de convoquer la réunion de l'Assemblée Générale, un des membres du Conseil d'Administration ou de l'Assemblée Générale peut, avec la permission écrite d'au moins un tiers (1/3) des membres effectifs de L'organisation, convoquer et présider une Assemblée Générale Extraordinaire.

Article 12 : Compétences

Les pouvoirs de l'Assemblée Générale sont:

- définir la politique générale de l'Organisation en

by'Umuryango bishingiye ku mahame y'Umuryango Mpuzamahanga Inades- Formation ;	in line with the principles of the General Assembly of Inades-Formation International;	lien avec les principes de l'Assemblée Générale d'Inades-Formation International ;
- Kwemera, guhagarika by'agateganyo no kwirukana abanyamuryango ;	- admitting, suspending, excluding members of the organization;	- admettre, suspendre, exclure les membres de L'organisation ;
- Gutora no gukuraho abagize Inama y'Ubutegetsi ;	- electing and dismissing the Board of Directors;	- élire et démettre le Conseil d'Administration ;
- kwemeza umugenzuzi w'imari wigenga;	- appointing the external auditor;	- Nommer un auditeur externe ;
- Kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango ;	- adopting and amending the constitution and internal regulations of the organization;	- adopter et modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur de L'organisation ;
- Kwakira impano n'ibiragano ;	- accepting donations and bequests;	- accepter les dons et legs ;
- Gusesa umuryango.	- dissolving the organization.	- dissoudre L'organisation.

Chapter 2. Inama y'Ubutegetsi

Chapter 2. Board of Directors

Chapitre 2. Conseil d'Administration

Ingingo ya 13 : Abagize Inama y'Ubutegetsi

Article 13: Composition of the Board of Directors

Article 13 : Composition du Conseil d'Administration

Umuryango uyobowe n'Inama y'Ubutegetsi itorwa mu banyamuryango nyakuri.

Inama y'Ubutegetsi igizwe n'abantu barindwi (7) harimo Perezida na Visi Perezida akaba ari nabo uhagarariye umuryango imbere y'amategeko n' umwungirije.

The organization is chaired by a Board of Directors composed of seven (7) members elected among the effective members of the organization, including the Chairperson and the Vice-Chairperson who are respectively the Legal Representative and the Deputy Legal Representative of the Organization.

L'organisation est dirigée par un Conseil d'administration composé de sept (7) membres élus parmi les membres effectifs, dont un Président et un Vice-Président qui sont respectivement le Représentant Légal et le Représentant Légal Suppléant de l'Organisation

Ingingo ya 14 : Imikorere

Article 14: Functioning

Article 14 : Fonctionnement

Abagize Inama y'Ubutegetsi batorerwa kuyobora umuryango mu gihe cy'imyaka itatu. Bashobora kongera gutorerwa uwo mwanya incuro imwe gusa. Inama y'Ubutegetsi iterana nibura incuro ebyiri mu mwaka.

The Board of Directors is elected for a term of three (3) years, renewable only once. The Board of Directors meets at least twice a year. The function of the Board of Directors is volunteer.

Le Conseil d'Administration est élu pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois. Le Conseil d'Administration se réunit au moins deux (2) fois par an. La fonction de membre du Conseil d'Administration est bénévole.

Abagize Inama y'Ubutegetsi bakorera umuryango nta gihembo bategereje.

Ingingo ya 15 : Inshingano

Inama y'Ubutegetsi ifite uburenganzira busesuye bwo gufata ibyemezo ibona ko bifitiye akamaro umuryango ; birimo ibi bikurikira :

- Igena ibikorwa by'umuryango ishingiyeye ku mabwiriza y'Inteko Rusange no ku byemezo by'Inteko Rusange ya Inades-Formation Mpuzamahanga.
- igenzura imikoreshereze y'ingengo y'imari ya buri mwaka itegurwa ikanasobanurwa n'Ikigo cy'Igihugu
- Ikurikiranira hafi ibikorwa by'umuryango n'imikoreshereze y'umutungo.
- Ishyiraho umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu ishingiyeye ku mabwiriza yerekeye imiyoborere ya Inades-Formation Mpuzamahanga.
- Ishyiraho abahagarariye amashami y'umuryango akorera hirya no hino mu gihugu ishingiyeye ku byifuzo by'umuyobozi w'Urwego Nshingwabikorwa.
- Igeza ku Nteko Rusange raporo y'ibikorwa n'iyerekeranye n'imicungire y'umutungo;
- Igeza ku Nteko Rusange abifuza kuba abanyamuryango ba Inades-Formation y'igihugu na Inades Formation Mpuzamahanga ;
- Yemeza amategeko agenga abakozi ;

Article 15: attributions

The Board of Directors has the widest powers to establish administrative acts and provisions that concern the Organization, including the following :

- It plans the activities the Organization in accordance with the guidelines of the General Assembly and the resolutions of the General Assembly of Inades-Formation International;
- It controls the execution of the annual budget prepared and submitted by the National Office;
- It monitors the implementation of activities and the financial management of the office;
- It appoints the Director of the National Office in accordance with the rules and procedures of Administration and management of Inades-Formation International;
- It appoints delegates of Antennas and Heads of Departments on the proposal of the Director;
- It presents the annual activities and the financial reports to the General Assembly;
- It analyzes and proposes the applications to National and International Organization;
- It approves the Statute governing the employees;

Article 15 : Attributions

Le Conseil d'Administration a les pouvoirs les plus étendus pour établir les actes d'administration et les dispositions qui intéressent l'Organisation, notamment :

- Il planifie les activités de l'Organisation selon les directives de l'Assemblée Générale ou les résolutions de l'Assemblée Générale d'Inades-Formation International ;
- Il contrôle l'exécution du budget annuel établi et présenté par le Bureau National ;
- Il mène le suivi de l'exécution des activités et de la gestion financière du bureau ;
- Il nomme le Directeur du Bureau National selon les règles et procédures de direction et de gestion d'Inades-Formation International ;
- Il nomme les délégués d'Antenne et les chefs de services sur proposition du Directeur ;
- Il présente le rapport d'activités et le rapport financier annuels à l'Assemblée Générale ;
- Il examine et propose les demandes d'adhésion à l'Organisation Nationale et Internationale ;
- Il approuve les statuts régissant le personnel ;

- | | | |
|--|---|---|
| <ul style="list-style-type: none">- Ihagarika by'agateganyo abanyamuryango ikurikije ibigenwa n'amategeko y'umuryango.- Iyo hari uvuye mu mubare w'abayigize, Inama y'Ubutegetsi ishyiraho umusimbura by'agateganyo, akazemezwa burundu n'Inteko Rusange. | <ul style="list-style-type: none">- It suspends members of the Organization in accordance with the constitution, and the rules and procedures of the Organization;- In case of vacancy on the Board, it appoints an acting member to be proposed for approval to the following General Assembly. | <ul style="list-style-type: none">- Il suspend les membres de l'Organisation conformément aux statuts et au règlement d'ordre intérieur;- Il désigne, en cas de vacance d'un poste au Conseil d'Administration, un membre intérimaire qui sera proposé à l'approbation de l'Assemblée Générale suivante. |
|--|---|---|

Ingingo ya 16 : Ububasha

Inama y'Ubutegetsi iha Perezida wayo ububasha bwo kuyobora umuryango no gukurikirana imicungire y'umutungo. Igihe atabonetse asimburwa by'agateganyo na Visi Perezida.

Perezida w'Inama y'Ubutegetsi aramutse yeguye cyangwa habonetse izindi mpamvu zituma adakomeza kuyobora Umuryango, Inteko Rusange igomba gutora umusimbura mu gihe kitarenze amezi atatu (3).

Icyiciro cya 3. Komite Ngenzuzi

Ingingo 17: Ububasha n'imikorere

Komite Ngenzuzi ni urwego rushinzwe kugenzura imicungire y'umutungo w'umuryango, iyubahirizwa ry'amabwiriza n'ishyirwa mu bikorwa by'ibyemezo by'inzeho z'ubuyobozi

Komite Ngenzuzi ishyirwaho n'Inteko Rusange buri myaka ibiri (2). Igizwe n'abantu batatu batorwa mu banyamuryango nyakuri.

Article 16: Competence

The Board delegates to the Chairperson the powers required for the administration and Control of the organization. In case of absence, he/she is replaced by the Vice-Chairperson.

In case of resignation or any other case of preventing the Chair person from performing his duties, he/she is replaced by the General Assembly within a period not exceeding three months.

Chapter 3. Control Committee

Article 17: Competence and attributions

The Control Committee is responsible for evaluation of the management of the assets of the Organization, the respect of the instructions and the implementation of the decisions taken by the administrative organs.

The Control Committee is composed of three effective members elected by the General Assembly for a term of two (2) years.

Article 16 : Compétence

Le Conseil d'Administration délègue à son Président les pouvoirs nécessaires à l'administration et au contrôle de L'organisation. En cas d'empêchement, il est remplacé par le Vice-Président.

En cas de démission ou d'empêchement définitif du Président, il est procédé à son remplacement par l'Assemblée Générale, dans un délai ne dépassant pas 3 mois.

Chapitre 3. Conseil de Surveillance

Article 19 : Compétence et attributions

Le Conseil de Surveillance est chargé de contrôler la gestion du patrimoine de l'Organisation, le respect des instructions et l'exécution des décisions prises par les organes administratifs.

L'Assemblée Générale élit les membres de l'Organe de Contrôle pour un mandat de 2 ans.

L'Organe de Contrôle est composé de trois personnes.

Icyiro cyo 4. Komite ishinze gukumura amakimbirane **Chapter 4 : Conflict resolutions Committee** **Chapitre 4 : le Comité de résolution des conflits**

Ingingo ya 18 : Imiterere n'imirere ya Komite ishinze gukumura amakimbirane **Article 18: Organization and functioning of the Conflict resolution Committee** **Article 18: Organisation et fonctionnement du Comité de résolution des conflits**

Inama Rusange itora Komite Ishinzwe gukumura amakimbirane. Iyo Komite ishinze ibi bikurikira:

- Guteganya uburyo bwo kwirinda amakimbirane mu muryango n'uko azajya akemurwa;
- Guhuza abagiranye ibibazo no kubafasha kubibonera ibisubizo, hagamijwe mbere ya byose kubungira;
- Kwita ku nshingano zindi yababwira n'Inteko Rusange cyangwa yasabwa n'Inama y'Ubutegetsi, zijyanye no gukumura amakimbirane.

Komite yo gukumura amakimbirane igizwe n'abantu nibura batatu batorerwa manda y'imyaka itatu ishobora kongerwa indi n'ubwo imwe gusa.

Ibibazo by'amakimbirane bishobora kuvuka mu muryango cyangwa hagati y'inzego zawo, bibanza gukemurwa na Komite ishinze gukumura amakimbirane. Iyo ubwo buryo bunaniranye, uruhande rubyifuje rushyikiriza ikirego urukiko rw'u Rwanda rubifitiye ububasha.

The General Assembly elects an organ in charge of conflicts resolution. The Committee has the following duties:

- To put in place strategies of prevention and resolution of conflicts within the organization;
- To conciliate the conflicting parties and help them find a solution with the aim of reconciliation;
- To perform any other duties submitted to the Committee by the General Assembly or by the request of Board of Directors related to the conflict management.

The Conflict resolution Committee is composed of at least 3 members elected by the General Assembly for a 3 years term renewable only once.

Any conflict arising in the organization or among its organs shall be first handled by this organ in charge of conflict resolution. In case that procedure fails, the concerned party may file a case to the competent court of Rwanda.

L'Assemblée Générale élit un Organe chargé de la Résolution des Conflits. Ce Comité est chargé de :

- Mettre en place des stratégies de prévention et de résolution des conflits au sein de L'organisation ;
- Concilier les parties en conflit, et les aider à trouver des solutions, dans le but ultime de réconciliation ;
- S'occuper de toutes autres tâches pouvant lui être confiées par l'Assemblée Générale ou sur demande du Conseil d'Administration ayant un rapport avec la résolution des conflits.

L'organe de résolution des conflits est composé d'au moins 3 membres nommés et démis par l'Assemblée Générale. Ils sont élus pour un mandat de 3 ans renouvelable une seule fois.

Tout conflit au sein de L'organisation sera d'abord soumis au Comité de gestion des Conflits. A défaut de règlement par cet organe la partie intéressée peut soumettre le litige à la juridiction rwandaise compétente.

Icyiciro cya 5 : Urwego nshingwabikorwa

Chapter 5 : The executive Organ

Chapitre 5 : L'organe exécutif

Ingingo 19 : Imiterere

Article 19 : Organization and functioning

Article 19: Organisation et Fonctionnement

Umuryango ufite urwego nshingwabikorwa rwitwa Ikigo cy'Igihugu.
Ikigo cy'Igihugu kigizwe n'abakozi bakuriwe n'Umuyobozi wacyo.
Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu ashirwaho n'Inama y'Ubutegetsi ibyumvikanyeho na Perezida wa Inades-Formation Mpuzamahanga.

The organization has for its operations, an executive organ called "the National Office".
The National Office is composed of the personnel headed by a Director appointed by the Board of Directors in consultation with the Chairperson of Inades Formation International.

L'Organisation dispose pour son fonctionnement, d'un organe exécutif appelé « Bureau National ».
Le Bureau National est composé du personnel géré par un Directeur nommé par le Conseil d'Administration en accord avec le Président d'Inades-Formation International.

Ingingo 20 : Imikorere y'Ikigo cy'Igihugu

Article 20 : the functioning of the National Office

Article 20: le fonctionnement du Bureau National

Perezida w'Inama y'Ubutegetsi aha Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu ububasha bwo gucunga imikorere yacyo ya buri muni.
Mu gihe adahari, Umuyobozi asiga umuhagararira, amutoranya mu bakozi bo hejuru.

The Chairperson of the Board of Directors delegates to the Director the powers required for the daily management of the National Office.
In case of absence, he appoints an acting Director from the senior staff.

Le Président du Conseil d'Administration délègue au Directeur les pouvoirs nécessaires pour la gestion quotidienne du Bureau National.
En cas d'absence du Directeur, il désigne un intérimaire parmi ses collaborateurs cadres.

Umutwe wa IV : Umutungo w'umuryango

Title IV : Resources of the Organization

Titre IV : Ressources de L'organisation

Ingingo ya 21 : Inkomoko y'umutungo w'Umuryango

Article 21 : The resources of the organization

Article 21 : Les ressources de L'organisation

Umutungo w'umuryango ukomoka aha hakurikira :

- Imisanzu y'abanyamuryango ;
- Inkunga ;
- Imitungo y'umuryango n'inyungu ziyikomokaho ;
- Ibikorwa binyuranye Inades ikorera abandi ;
- Impano n'indagano.
- Ibindi byose bitanyuranyije n'amategeko.

The resources of the organization come from:

- The members contributions
- Grants;
- The assets of the Organization and the income generated from them
- Products from services rendered to third parties;
- Donations and legacies.
- Any other resources authorized by the laws and

Les ressources de L'organisation proviennent :

- Des cotisations des membres ;
- Des subventions ;
- Des biens de l'Organisation et de leurs fruits ;
- Des produits des prestations aux tiers;
- Des dons et legs.
- Toute autre ressource autorisée par les textes législatifs et réglementaires ;

-	regulations;	
Ingingo ya 22: Ifoto y'umutungo na raporo y'imikoreshereze y'imari	Article 22 : Financial statement and balance sheet	Article 22 : Comptes d'exploitation et le bilan
Buri mwaka hakorwa raporo y'imikoreshereze y'imari n'ifoto y'umutungo by'Umuryango bigashyikirizwa Inama y'Ubutegetsi kugira ngo ibyemeze.	Each year, the Board of Directors approves the financial statements and the balance sheet of the year.	Chaque année, il est soumis pour approbation au Conseil d'Administration, les comptes d'exploitation et le bilan de l'exercice.
Izo raporo ziri mu byo Inteko-Rusange ishingiraho mu gusuzuma imiyoborere y'umuryango, kwemeza imiterere y'umutungo no kugena imikoreshereze y'inyungu zibonetse.	These reports are presented to the General Assembly which appreciates the management of the Board, approves the accounts and decide on the allocation of the net profit.	Ces rapports sont présentés à l'Assemblée Générale qui apprécie la gestion du Conseil d'Administration, approuve les comptes et décide de l'affectation du résultat.
Ingingo ya 23: Igenzurwa ry'umutungo	Article 23: the audit	Article 23: l'Audit
Imiterere y'umutungo isuzumwa kandi ikemezwa buri mwaka n'Umugenzuzi w'Imari wigenga.	The annual accounts of the organization are audited and certified by an independent expert.	Les comptes annuels de l'Organisation sont vérifiés et certifiés par un auditeur indépendant.
Umutwe wa V : Ubufatanye miryango n'indi	Title V : Partnership	Titre V : Partenariat
Ingingo ya 24 : Imikoranire ya Inades-Formation Rwanda na Inades-Formation mpuzamahanga :	Article 24: Relations with the International Organization	Article 24 : Relations avec L'organisation Internationale
Umuryango wasinye amasezerano agenga imikoranire yayo n'indi miryango ya Inades-Formation mpuzamahanga .	An agreement governs the relationship between Inades-Formation International and Inades-Formation Rwanda. It specifies the modalities of collaboration.	Une convention régit les relations entre Inades-Formation International et Inades-Formation Rwanda et précise les modalités de collaboration.

Article 25 : Imikoranire n'indi miryango iharanira amajyambere y'icyaro :

Amasezerano yihariye asobanura imikoranire ya Inades-Formation Rwanda n'indi miryango y'abafatanyabikorwa igamije iterambere.

Article 25: Relations with other partners in rural development

Ad hoc agreements define the relationships and specify the modalities of collaboration between Inades-Formation Rwanda and other development partners.

Article 25 : Les relations avec d'autres partenaires du développement rural

Des conventions ad hoc définissent les relations et précisent les modalités de collaboration entre Inades-Formation Rwanda et d'autres partenaires du développement.

Umutwe wa VII : Ingingo zinyuranye

Title VII : Miscellaneous Provisions

Titre VII : Dispositions diverses

Ingingo ya 26 : Kuvugurura amategeko agenga umuryango

Aya mategeko ashobora gusubirwamo ari uko byemejwe ku bwiganze busesuye bw'abanyamuryango nyakuri bateraniye mu Nteko Rusange idasanzwe.

Article 26: Amendments to the Constitution

This constitution may be amended only by a resolution passed by an absolute majority of the effective members present at an Extraordinary General Assembly Meeting.

Article 26 : Modification des statuts

Les présents statuts ne peuvent être modifiés que par une résolution votée à la majorité absolue des membres effectifs présents à une Assemblée Générale Extraordinaire.

Ingingo ya 27 : Iseswa ry'umuryango

Iseswa ry'Umuryango rigomba kwemezwa na 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bateraniye mu Nteko-Rusange.

Article 27: Dissolution

The dissolution of the organization can be decided only by the majority of two thirds (2/3) of effective members attending the General Assembly.

Article 27 : Dissolution

La dissolution de L'organisation ne peut être prononcée que par la majorité des deux tiers (2/3) des membres effectifs présents à l'Assemblée Générale.

Umuryango uramutse usheshwe, hakorwa ibarura-mutungo hanyuma umutungo nyawo ugaragajwe uhabwa indi miryango ikorera mu gihugu ifite inshingano zihuye n'iza INADES.

In case of dissolution, after liquidation, the assets of the organization will be donated to organizations working in the country and having a mission similar to the mission of Inades-Formation Rwanda.

En cas de dissolution et après liquidation, le patrimoine de l'Organisation sera légué à des associations œuvrant dans le pays et ayant une mission similaire à celle d'Inades-Formation Rwanda.

Ingingo ya 28 : Amategeko yihariye

Article 28 : The Internal rules

Article 28: Le règlement intérieur

Amategeko yihariye agenga Inades-Formation

the Internal rules and procedures specify the

Un règlement intérieur précise les modalités

Rwanda ni yo asobanura ku buryo burambuye ishyirwa mu bikorwa ry'aya mategeko.

modalities of application of this constitution.

d'application des présents statuts.

Ingingo ya 29 : Ibindi bitavuzwe

Article 29: Other provisions

Article 29 : Autres dispositions

Ibitavuzwe muri aya mategeko bizagengwa n'itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta.

Any provision not specified in this Constitution shall be governed by the law n ° 04/2012 of 17/02/2012 establishing the organization and functioning of national NGOs.

Toute disposition non prévue par les présents statuts sera régie par la loi n° 04/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations non gouvernementales nationales.

Ingingo ya 30 : Ivanwaho ry'amategeko

Article 30: repealing provision

Article 30 : Disposition abrogatoire

Amategeko agenga Umuryango yasinywe ku wa 08/09/2001 azasimburwa n'ayangaya igihe azaba amaze kwemezwa n'Inzego zibifitiye ububasha.

The statutes governing the Organizations of the 08/09/2001 will be replaced by the presents statutes after their adoption by all competent bodies.

Les statuts de l'Organisation votés et signés le 08/09/2001 seront abrogés par les présents après leur adoption par toutes les instances compétentes.

Ingingo ya 31: Iyemezwa

Article 31: Adoption

Article 31: Adoption

Aya mategeko yemejwe n'Inteko-Rusange idasanzwe yateraniye i Kigali ku wa 05/01/2013. Urutonde rw'abayitabiriye babisinyiye iri ku mugereka.

This constitution was adopted in an Extraordinary General Meeting held in Kigali, on 05/01/2013. Attached is the list of the signing participants.

Les présents statuts ont été adoptés en Assemblée Générale Extraordinaire tenue à Kigali en date du 05/01/2013 par les membres effectifs, dont les signatures sont jointes sur la liste en annexe.

Uhagarariye umuryango
RUKUNDO Alexis
(sé)

Legal Representative
Alexis RUKUNDO
(sé)

Le Représentant Légal
RUKUNDO Alexis
(sé)

Uhagarariye umuryango wungirije
MUSABYEYEZU Landrada
(sé)

Deputy Legal Representative
MUSABYEYEZU Landrada
(sé)

La Représentante Légale Suppléante
MUSABYEYEZU Landrada
(sé)

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA IDASANZWE Y'INTEKO RUSANGE YA INADES
FORMATION RWANDAYO KUYA 05/01/2013**

Tariki ya 05 Mutarama 2013, Inama y'Inteko Rusange Idasanze ya Inades Formation Rwanda yateraniye ku cyicaro cy'umuryango i Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo imwe: kwiga no kwemeza Amategeko Shingiro avuguruye y'umuryango Inades Formation Rwanda, hagamijwe kubahiriza ibisabwa n'Itegeko N°04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta.

Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko, Bwana RUKUNDO Alexis, yifurije ikaze abanyamuryango, anabifuriza umwaka mushya muhire wa 2013.

Inteko yasanze umubare w'abanyamuryango bitabiriye inama uhagije kugira ngo iterane kandi ifate ibyemezo hakurikijwe amategeko agenga umuryango.

Inteko Rusange Idasanze yatangiye imirimo yayo, isuzuma kandi yemeza Amategeko Shingiro y'Umuryango avuguruye.

Inama yari yatangiye imirimo yayo saa yine yayirangije saa saba z'anywa.

Urutonde rw'abitabiriye inama y'Inteko Rusange Idasanze bashyize umukono kuri ayo Mategeko Shingiro avuguruye, ruri ku mugereka.

Bikorewe i Kigali, tariki 05 Mutarama 2013.

Umwanditsi w'Inama
KABAYIZA Eustache
(sé)

Umuyobozi w'Inama
Uhagarariye Umuryango
RUKUNDO Alexis
(sé)

**URUTONDE RW'ABANYAMURYANGO BA
INADES-FORMATION RWANDA BITABIRIYE INAMA Y'INTEKO RUSANGE
IDASANZWE YO KUWA 05/01/2013**

N°	AMAZINA	UMUKONO
1.	RUKUNDO Alexis	(sé)
2.	MUSABYEYEZU Landrada	(sé)
3.	AVEMARIYA Vedaste	(sé)
4.	BUDENGERI Eulade	(sé)
5.	GAKWERERE Charles	(sé)
6.	HAKIZIMANA Laurent Fabius	(sé)
7.	KANGABE Anastasie	(sé)
8.	KASIRE Cassien	(sé)
9.	KAYIJAMAHE Athanase	(sé)
10.	MINANI Athanase	(sé)
11.	MUHUTUKAZI Espérance	(sé)
12.	MUKAKALISA Alphonsine	(sé)
13.	MUKAMABANO Valérie	(sé)
14.	MUKANTAGWERA Eugénie	(sé)
15.	MURWANASHYAKA Oscar	(sé)
16.	MUSINE Juvénal	(sé)
17.	NDAYISENGA Elie	(sé)
18.	NKUBITO Eugène	(sé)
19.	TWAGIRUMUKIZA Emmanuel	(sé)

DECLARATION DES REPRESENTANTS LEGAUX

Nous soussignés, RUKUNDO Alexis et MUSABYEYEZU Landrada, déclarons avoir été élus par l'Assemblée Générale du 20 mars 2011, respectivement comme Représentant Légal et Représentante Légale Suppléante de l'Association INADES Formation Rwanda.

Fait à Kigali, le 29 mai 2011

RUKUNDO Alexis
Représentant Légal
(sé)

MUSABYEYEZU Landrada
Représentante Légale Suppléante
(sé)

**UMURYANGO USHINGIYE KW'IDINI:
ITORERO RY'IVUGABUTUMWA
RY'INSHUTI MU RWANDA « E.E.A.R. »**

**RELIGIOUS- BASED ORGANISATION:
EVANGELICAL FRIENDS CHURCH OF
RWANDA « E.E.A.R. »**

**ORGANISATION FONDÉE SUR LA
RELIGION : EGLISE EVANGELIQUE DES
AMIS AU RWANDA « E.E.A.R. »**

AMATEGEKO SHINGIRO

STATUTES

STATUTS

**UMUTWE WA I :
IZINA RY'UMURYANGO ICYICARO
CYAWO, IGIHE UZAMARA N'INTEGO**

**CHAP. I
NAME, DURATION, HEAD OFFICE,
MISSION AND SCOPE OF
ACTIVITIES**

**CHAP. I.
DE LA DENOMINATION, DU SIEGE, DE LA
DUREE, DU RAYON D'ACTION ET MISSION**

Ingingo ya mbere :

Nkuko bisabwa n'itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17 Gashyantare 2012 ryerekeye imitunganyirize n'imikorere y'Imiryango ishingiyeye ku idini, hashinzwe umuryango witwa : ITORERO RY'IVUGABUTUMWA RY'INSHUTI MU RWANDA "E.E.A.R. "

Article one:

In accordance with the law no 06/2012 of February 17, 2012 organization, it is hereby established a religious based organization known as: EVANGELICAL FRIENDS CHURCH OF RWANDA "E.E.A.R."

Article premier:

Conformément à la loi n° 06/2012 du 17 février 2012 portant organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la religion, il est créé une organisation dénommée: EGLISE EVANGELIQUE DES AMIS AU RWANDA « E.E.A.R. »

Ingingo ya 2:

Icyicaro cy'umuryango gishyizwe mu Kagari ka Rukatsa Umurenge wa Kagarama Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali. Gishobora kandi kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe na 2/3 by'abagize Inteko Rusange y'Umuryango.

Article 2:

The Head Office of the Organization is established in Rukatsa cell, Kagarama sector, Kicukiro District in Kigali City. It can be however transferred to any other location by the decision of 2/3 of the General Assembly.

Article 2:

Le siège de l'Organisation est établi dans la Cellule de Rukatsa, Secteur de Kagarama, District de Kicukiro, Ville de Kigali. Il peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sur décision de 2/3 des membres de l'Assemblée Générale de l'Organisation.

Ingingo ya 3:

Umuryango ukorera imirimo yawo ku butaka bwose bwa Repubulika y'u Rwanda. Igihe uzamara ntikigenwe.

Article 3:

The organization conducts its activities on the whole territory of the Republic of Rwanda. It is established for an undetermined period.

Article 3 :

L'Organisation exerce ses activités sur toute l'étendue de la République du Rwanda. Elle est créée pour une durée indéterminée.

Ingingo ya 4: INTEGO NKURU ZUMURYANGO

Kwamamaza ubutumwa bwiza bw'agakiza mu banyarwanda bose nk'uko bwategetswe na Yesu Kristo bugamije kubahindura mu buryo bwuzuye.

Ingingo ya 5:

Umuryango ugamije ibi bikurikira:

- Kwamamaza ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo;
- guteza imbere uburezi n'ubuvuzi hakurikijwe ibikenewe ndetse n'amikoro y'itorero;
- Kubaka amashuri, ibiga nderabuzima n'amavuriro.
- Ikindi gikorwa cyose cyagirira akamaro umuryango hakurikijwe ibikenewe mu gihugu cyacu.

Ingingo ya 6: Abagenerwabikorwa

Ni abanyarwanda muri rusange n'abakristo ba EEAR by'umwihariko.

UMUTWE WA II: UMUTUNGO

Ingingo ya 7:

Umuryango ushobora kugira cyangwa gutira umutungo wimukanwa n'utimukanwa kugira ngo ushobore kugera ku ntego zawo.

Article 4: ORGANIZATION CORE MISSION

Proclaim the gospel of salvation in accordance with the order given by Jesus Christ that transform holistically the population of Rwanda.

Article 5:

The organization has the following objectives:

- To Proclaim the Gospel of Jesus Christ;
- To Promote the education, health in accordance to the needs of the population and the organization ability;
- To build schools, health center and hospitals;
- Any other activity that can be beneficial to the social-geographical of our country.

Article 6: Beneficiaries

All Rwandese and EEAR members in particular.

CHAP. II ASSETS

Article 7:

The Organization may possess in ownership or in tenure all movables and immovable assets necessary in achieving its objectives.

Article 4 : MISSION DE L'ORGANISATION

La Mission principale est de proclamer l'Evangile de Jésus Christ pour la transformation totale de la population rwandaise.

Article 5 :

L'organisation poursuivra les objectifs suivants :

- Proclamer l'Evangile de Jésus Christ;
- promouvoir l'éducation et le traitement médical de la population selon les besoin et la capacité de l'Eglise d'y répondre;
- La construction des écoles, des centres de santé et de dispensaire;
- Toutes autres activités intéressant l'association selon les besoins sociaux géographiques de notre pays.

Article 6: Les bénéficiels

Tout les Rwandais et en particulier les chretiens membres de E.E.A.R.

CHAP II : PATRIMOINE

Article 7:

L'Organisation peut posséder en propriété ou en jouissance tous les biens tant mobiliers que immobiliers nécessaires à la réalisation de ses objectives.

Ingingo ya 8:

Umutungo w'umuryango ugizwe n'imisanzu y'abanyamuryango, impano, imirage, imfashanyo zinyuranye n'umusaruro ukomoka ku bikorwa by'umuryango mu rwego rwo gusohozza intego zawo.

UMUTWE WA III: ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 9:

Umuryango ugizwe na:

- abanyamuryango bawushinze
- abanyamuryango bawinjiramo
- abanyamuryango b'icyubahiro

Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko.

Abanyamuryango bawinjiyemo n'abantu gatozi cyangwa imiryango babisaba bamaze kwiyezeza gukurikira aya mategeko, bakemerwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango b'icyubahiro n'abantu gatozi cyangwa imiryango, nyuma yo kwishimira intego z'umuryango, bemera kuwutera inkunga iyo ariyo yose. Bemera n'Inteko Rusange. Bagishwa inama gusa ariko ntibatora.

Ingingo ya 10:

Abanyamuryango nyakuri biyemeza gukorera umuryango batizigamye. Baza mu nama z'Inteko Rusange, bafite uburenganzira bwo gutora. Bagomba gutanga umusanzu ugenwa n'Inteko Rusange.

Article 8:

The resources of the organization are generated from the members' subscriptions, gift, legacy different grants and other income generated activities of the organization in order to achieve its objectives.

CHAP. III: MEMBERSHIP

Article 9:

The organization is composed by:

- founder members
- adherent members
- honorary members

Founder members are those who signed this constitution.

Adherent members are any natural or legal persons who, after having subscribed to this constitution, will be approved by the general assembly.

Honorary members are any natural or legal persons who will be interested in the objectives of the organization and will support its activities both materially and morally. Their membership is approved by the general assembly. They may participate in its meetings in an advisory capacity.

Article 10:

Effective members shall be committed to actively participate to the organization activities. They attend the General Assembly meetings and have rights to vote. They are required to pay monthly and voluntary

Article 8:

Les ressources de l'Organisation proviennent des cotisations des membres, des dons, des legs, des subventions diverses et des revenus issus des activités génératrices de l'Organisation dans le cadre de la réalisation de ses objectifs.

CHAP. III : DES MEMBRES

Article 9:

L'Organisation se compose des :

- membres fondateurs
- membres adhérents
- membres d'honneur

Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts.

Sont membres adhérents toutes personnes physiques ou morales qui après avoir souscrit aux présents statuts, seront agréés par l'Assemblée générale.

Sont membres d'honneur toutes personnes physiques ou morales qui s'intéressent aux objectifs de l'Organisation et lui apportent un soutien matériel, spirituel et moral. Elles sont agréées par l'Assemblée générale. Elles peuvent assister aux réunions de l'Assemblée générale à titre consultatif.

Article 10:

Les membres effectifs prennent l'engagement de participer activement aux activités de l'Organisation. Ils assistent aux réunions de l'Assemblée Générale avec voix délibérative. Ils ont l'obligation de verser une cotisation dont le montant est fixé par

contribution agreed by the General Assembly.

l'Assemblée Générale.

Ingingo ya 11:

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zoherezwa Perezida wa Komite nyobozi, akazishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ibyemeze.

ingingo ya 12:

Gutakaza ubunyamuryango biterwa n'urupfu, gusezera ku bushake, kwirukanwa cyangwa iseswa ry'umuryango.

-Usezeye ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

-Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere y'umuryango.

UMUTWE WA IV : INZEGO

Ingingo ya 13:

Inzego z'umuryango n'izi zikurikira:

- Inteko Rusange.
- Inama y'ubuyobozi.
- Komisiyo y'Ubugenzuzi.
- Komisiyo ishinze gukemura amakimbirane.

Ingingo ya 14:

Inteko rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango rugizwe n'abanyamuryango nyakuri bese.

Article 11:

The membership application is addressed in written to the President of the Executive Committee and the later submits it to the General Assembly for approval.

Article 12:

Membership ceases with death, voluntary resignation, exclusion or dissolution of the organization.

-Voluntary resignation is addressed in written to the President of the Executive Committee and approved by the General Assembly.

-The decision of excluding any member is taken by 2/3 of the members in the General Assembly in case he/she is no longer conforming to the present statute and internal rules and regulations of the organization.

CHAP.IV: ORGANS

Article 13:

The organs of the organization are:

- General Assembly.
- Administration board.
- Account inspection commission.
- Commission in charge of Conflict resolution.

Article 14:

The general assembly is the supreme organ and it's composed by all effective members.

Article 11 :

Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président du Comité Exécutif qui les soumet à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Article 12:

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'Organisation.

-Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Comité Exécutif et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale.

-L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement intérieur de l'Organisation.

CHAP. IV : ORGANES

Article 13:

